**AMABWIRIZA YA KOMISERI MUKURU WA RCS N°018/2022 YO KU WA 21 /07/2022 AVUGURURA AMABWIRIZA N° 008/2021 YO KUWA 08/06/2021 AGENGA ISURA RIKORERWA KURI GEREZA.**

**KOMISERI MUKURU WA RCS**

Ashingiye ku Itegeko N⁰ 34/2010 ryo kuwa 12/11/2010 rishyiraho Urwego rw'Igihugu Rushinzwe imfungwa n'abagororwa (RCS) rikanagena imitunganyirize n'imikorere byaryo cyane cyane ingingo ya 02,12,27, 41,44 n'iya 49;

Ashingiye ku Itegeko N°19bis/2017 ryo ku wa 28/04/2017 rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°34/2010 ryo ku wa 12/11/2010 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa (RCS) rikanagena imitunganyirize n'imikorere byarwo cyane cyane ingingo ya 21.

Komiseri Mukuru wa RCS atanze amabwiriza akurikira;

## UMUTWE WA MBERE: IBIREBANA N'ISURA RISANZWE

### Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza ya Komiseri Mukuru wa RCS agamije kugena uburyo isura ribera kuri Gereza ku mpamvu zisanzwe cyangwa iz'akazi rikorwa.

### Ingingo ya 2: Isura risanzwe

Abantu bafunzwe bemerewe gusurwa n'imiryango yabo ndetse n'inshuti buri wa gatandatu w'icyumweru kuva saa 8:00 za mu gitondo kugeza saa kumi (16:00) za nimugoroba, abasura bagenerwa iminota cumi n'itanu (15).

Abana bari hasi y'imyaka cumi n'ine (14) basura ku cyumweru cya mbere cy'ukwezi hubahirijwe ibivugwa mu gika cya mbere.

### Ingingo ya 3: Gusura mu Bitaro

Umuntu ufunze urwariye mu Bitaro akomeza kugengwa n'amategeko yose agenga imfungwa n'abagororwa. Uwifuza gusura umuntu ufunzwe urwariye mu bitaro abanza kujya kuri Gereza agahabwa icyemezo n'umuyobozi wa Gereza akabona gusurira mu Bitaro.

### Ingingo ya 4: Ururimi rukoreshwa mw'isura

Indimi zikoreshwa n'umuntu waje gusura umuntu ufunzwe kuri Gereza n'indimi zikoreshwa mu butegetsi bwite bwa Leta y'u Rwanda.

**Ingingi ya 5: Ibisurishwa umuntu uri muri Gereza**

Abantu bose bagana Gereza mu rwego rwo gusura, ntibemerewe kuzana ibiribwa. Usura ashobora gusigira amafaranga usuwe akoresheje MTN Mobile Money akaba yayifashisha mu kugura ibyo akeneye muri kantine.

**Ingingo ya 6: Kantine ya Gereza**

Buri Gereza igira kantine, igurishwamo ibiribwa n'ibindi umufungwa yakenera byunganira ibyo ahabwa na gereza.

## UMUTWE WA II: ABUNGANIZI MU MATEGEKO BAGANA GEREZA

**Ingingo ya 7: Gusaba isura ku bujyanama mu mategeko**

Ibirebana no gusaba isura ku bujyanama mu mategeko hakurikizwa ibiteganywa mu ngingo ya 3 y'Amabwiriza ya Komiseri Mukuru wa RCS No 008/2021 yo kuwa 08/06/2021.

**Ingingo ya 8: Kwirinda Covid-19**

Ibirebana no kwirinda Covid-19, hakurikizwa amabwiriza yashyizweho na Minisiteri y'Ubuzima.

Ibijyanye n'uburyo isura rikorwa mu gihe cy'icyorezo cya covid-19 hakurikizwa ibikubiye mu mabwiriza ya Komiseri Mukuru wa RCS No 13/2022 yo kuwa 14/02/2022.

**Ingingo ya 9 : Ibintu bibujijwe kwinjizwa kuri Gereza**

Umuntu wese usura umuntu ufunze ntabwo yemerewe kwinjiza mu mbago za Gereza ibikoresho bikurikira:

1. Telefone
2. Mudasobwa ngendanwa
3. Ibikoresho bya DVD
4. Isaha zifite kamera cyangwa telephone
5. Intwaro
6. igikoresho cyose gifata amajwi
7. Kamera
8. Icyuma
9. N'ikindi kintu cyose kigaragara ko gishobora guhungabanya umutekano w'umuntu ufunzwe cyangwa wa Gereza muri rusange.

Ibikoresho bivugwa hejuru bishobora kwinjizwa muri Gereza byatangiwe uburenganzira na Komiseri Mukuru wa RCS cyangwa undi yabihereye uburenganzira.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Imyitwarire y'abagana Gereza**

Mu gihe hagaragaye ko uwagannye Gereza yagize imyitwarire inyuranyije n'amategeko cyangwa n'amabwiriza agenga Gereza ariko iyo myitwarire ikaba idahanwa n'amategeko mpanabyaha, ahanishwa kutazagaruka kuri Gereza mu gihe cy'amezi atandatu (6). Igihe iyo myitwarire ihanwa n'amategeko mpanabyaha ashyikirizwa inzego zibishinzwe.

Iyo ari umuntu ufunzwe, umucungagereza yemerewe gufata ibintu byose byasatswe bitemewe n'amategeko mpanabyaha akabishyikiriza Umuyobozi wa Gereza, nawe akabikorera inyandiko ishyirwaho umukono n'umuyobozi wa gereza n'uwafatanywe ibitemewe, bigashyikirizwa inzego bireba hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Isura ry'umunyamahanga**

Umunyamahanga ukeneye gusura umuntu ufunze uwo ari wese abisabira uburenganzira Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano.

Umunyamahanga ufunzwe adafite abahagarariye Igihugu cye mu Rwanda, impunzi cyangwa utagira ubwenegihugu, ashobora kwitabaza abahagarariye ikindi Gihugu cyangwa umuryango mpuzamahanga yihitiyemo wamwemereye gukurikirana ikibazo cye kandi byemewe na Minisitiri ufite RCS mu nshingano.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Ingingo zisoza**

Ingingo z'amabwiriza yose abanziriza aya kandi anyuranye nayo akuweho;

**<u>Ingingo ya 13</u>: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa;**

Aya mabwiriza azatangira gukurikizwa kuwa **20 Kanama 2022.**

Bikorewe i Kigali, kuwa....4... /...07.../2022

**Juvenal MARIZAMUNDA**
CGP
Komiseri Mukuru wa RCS